# Uzatawaza atya, yarangiza agasali raka ebyiri, nta kindi ahugiyeho, Allah azamubabarira ibyaha bye yakoze mbere

Hadith yaturutse kwa Hum'ran waheshejwe ubwigenge na Uth'man Ibun Afan yavuze ko yabonye Uth'man Ibun Afan atumaho igikoresho yifashishaga atawaza, nuko akaraba intoki ze inshuro eshatu, arangije yinjiza ikiganza cye cy'iburyo muri icyo gikoresho, arangije ajuguta amazi mu kanwa, arayashoreza maze arayapfuna, arangije akaraba mu maso he inshuro eshatu n'amaboko ye agarukira mu nkokora inshuro eshatu, arangije ahanagura mu mutwe, arangije akaraba amaguru yombi inshuro eshatu, maze aravuga ati: Nabonye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) itawaza uku mbigenje iranavuga iti: " Uzatawaza atya, yarangiza agasali raka ebyiri, nta kindi ahugiyeho, Allah azamubabarira ibyaha bye yakoze mbere."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Uth'man (Imana imwishimire) yigishije mu ngiro uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga itawaza; kugira ngo birusheho gusobanuka; ubwo yatumagaho amazi mu gikoresho yifashishaga atawaza, maze akaraba intoki ze inshuro eshatu, arangije yinjiza ikiganza cye cy'iburyo muri icyo gikoresho, arangije ajuguta amazi mu kanwa, arayashoreza maze arayapfuna, arangije akaraba mu maso he inshuro eshatu n'amaboko ye agarukira mu nkokora inshuro eshatu, arangije ahanagura mu mutwe, arangije akaraba amaguru yombi kugera ku tubumbankore inshuro eshatu. Ubwo yari amaze gutawaza yababwiye ko yabonye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) itawaza muri ubwo buryo abigenje, inabaha inkuru nziza ko uzatawaza muri ubwo buryo yarangiza agasali raka ebyiri, yibombaritse n'umutima we wose yumva ko ahagaze imbere ya Allah, kubera uko gutawaza kwe n'uburyo akoze iswalat, Allah azamubabarira ibyaha bye yakoze mbere.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee